**ITANGAZO RY'ISHYAKA RDI-RWANDA RWIZA KU ITANGA RY'UMWAMI KIGELI V NDAHINDURWA**.

Ishyaka RDI-Rwanda Rwiza ryakiranye agahinda kenshi inkuru y'itanga ry'Umwami Kigeli V Ndahindurwa, watabarutse tariki ya 16 Ukwakira 2016 mu gihugu cya Leta zunze ubumwe z'Amerika, amaze imyaka irenga 56 mu buhungiro.
Mu bihe bikomeye by'impinduka byo ku ngoma ya gikoloni mbiligi, ubwo mukuru we, Umwami Mutara III Rudahigwa yari amaze gutanga aguye i Bujumbura mu Burundi, mu mpera za Kanama 1959, ni bwo Ndahindurwa yimitswe kw'izina rya Kigeli V, aba Umwami w'u Rwanda, kugeza mu mpera za Mutarama 1961.

Mu mwaka w'1960, nyuma ya Revolisiyo yazanye impinduka ya politiki mu Rwanda, Umwami Kigeli V Ndahindurwa yagiye hanze y'igihugu azi ko azagaruka, yizeye ndetse ko azaza agaruwe na LONI, ariko ntibyashobotse, kubera ko amashyaka yarwanyaga ingoma ya cyami yateraniye i Gitarama ku ya 28 Mutarama 1961, yemeza ko avanyeho ubutegetsi bwa cyami, bugasimburwa na Repubulika. LONI ishingiye ku cyemezo cya KAMARAMPAKA yakozwe tariki ya 25 Nzeli 1961, yemeje ko ubwami buciwe mu Rwanda.

Kuva icyo gihe, Umwami Kigeli V Ndahindurwa ntiyabaye akigarutse mu gihugu cye. Ni ukuvuga ko atanze yari amaze imyaka 56 mu buhungiro, bivuze ko yavuye mu Rwanda afite imyaka 24 gusa. Kuva Inkotanyi za Kagame zimaze gufata igihugu cy'u Rwanda mu mwaka w'1994, zibifashijwemo n'ibihugu by'amahanga, kandi hamenetse amaraso atagira ingano, Umwami Kigeli V Ndahindurwa yarifashe, yanga gusubira i Rwanda aho yasabwaga n'abayobozi bashya gutahuka nka rubanda. Birumvikana ko atashoboraga kongera kuba umukuru w'igihugu. Ariko we yasabaga ko nibura kugaruka kwe mu Rwanda byamenyeshwa amahanga ku mugaragaro, ko atashye mu gihugu cye kugira ngo azabe umwami w'umuco no gushimangira ubwumvikane mu Banyarwanda.

Umwami Kigeli V Ndahindurwa yanze agasuzuguro ka Kagame n'agatsiko ke, yanga gutaha nk'uwikorejwe akarago, yanga kubyinirwa no gutaramirwa, mu gihe abana b'u Rwanda bicwa urubozo n'ingoma-nkotanyi, mu gihe abandi bakiri mu buhungiro, ndetse n'Abanyarwanda batari bake bakomeje guhunga igihugu. Rero ntabwo Umwami Kigeli V Ndahindurwa yanze gutaha, ahubwo yanze gutaha nka rubanda, mu gihugu rubanda ikomeje guhonyorwa n'ingoma ngome ya FPR-Kagame.

Kuva byacikira ku Rucunshu mu kwezi k'Ugushyingo 1896, ubwo umwami w'umunyiginya Mibambwe IV Rutalindwa yaterwaga n'abega b'Abakagara bayobowe n'umwe mu bakurambere ba Prezida Kagame, umwami agahitamo kwiyahura yitwikiye mu nzu, ingabo ze zimaze gutsindwa; ubushyamirane bukaze bwakomeje kuranga Abega n'Abanyiginya, kugeza ku ngoma ya Kigeli V Ndahindurwa, na nyuma y'aho ubwami busezerewe mu Rwanda. Nta gushidikanya ko ubwo bushyamirane karande hagati y'Abega n'Abanyiginya ari imwe mu mpamvu zatumye umwami w'umwega w'umwakagara Paul KAGAME yarahejeje ishyanga umwami w'umunyiginya Kigeli V Ndahindurwa.

Ishyaka RDI-Rwanda Rwiza rirasaba rikomeje Ubuyobozi bw'u Rwanda gukora ibishoboka byose kugira ngo Umwami Kigeli V Ndahindurwa azashyingurwe mu Rwanda nta yandi mananiza, kandi ahabwe icyubahiro kimukwiriye nk'umuntu wigeze kuba Umukuru

w'igihugu. Birakwiye ko yashyingurwa i Mwima na Mushirarungu, i Nyanza, iruhande rwa mukuru we Mutara III Rudahigwa.

Ni ngombwa kandi ko Leta y'u Rwanda yasaba igihugu cy'Ububiligi kwerekana aho umugogo wa YUHI V MUSINGA uherereye, bityo na we agashyingurwa mu cyubahiro i Mwima na Mushirarungu, iruhande rw'abana be. Aha twakwibutsa ko mu mwaka w'1931, mu gihe u Rwanda rwagengwaga n'Abakoloni b'Ababiligi, ari bwo Umwami Yuhi V Musinga yaciriwe ishyanga muri Congo mbiligi, akagwayo mw'ibanga ribitswe n'abo bakoloni.

Ayo mateka ababaje agomba kutuviramo isomo: Abategetse igihugu cyacu cy'u Rwanda, ntawe ugomba kubacira urubanza, uretse Rubanda. Twe tubona igihe cyararenze cyo gukomeza guca imanza z'ibinyoma, zo kwiyemera, kwiyemeza no kwikunda. Igihe cyararenze cy'uko tuva mu ntambara zo guhoora. Twebwe abenegihugu tugomba kureba igifitiye igihugu cyacu akamaro muri rusange, ntiduhore dushinja abandi ibyaha byo kubacisha umutwe, akenshi tunababeshyera cyangwa tujijisha, ngo dutwikire amahano twakoze n'ayo tugikora. Nk'uko byemezwa n'Ivanjili, mbere yo gutokora abandi akatsi kari mu jisho ryabo, banza utokore umugogo uri mu jisho ryawe!

Mu kurangiza, twongeye kuzirikana Umwami Kigeli V Ndahindurwa: Imana imwakire mu ntore zayo, imuhe iruhuko ridashira. Tuboneyeho kandi umwanya wo kwifatanya n'abafitanye isano na we n'abakunzi be bose, mu gahinda barimo: Nibakomere kandi bihangane!.

Bikorewe i Buruseli,
Tariki 17/10/2016
Mw'izina ry'Ishyaka RDI-Rwanda Rwiza,
Se
**Faustin Twagiramungu**
**Prezida wa RDI-Rwanda Rwiza**